**DUHARANIRE UBURENGANZIRA KU BUZIMA BW' IMYORORokere TURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ikibazo cy' ubuzima, cy' uburenganzira bwa muntu ndetse n' iterambere ry' igihugu. Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina biratureba twese.

## IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA NI IKI?

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni "Igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi.Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo".

## IHOHOTERWA RIKORERWA NDE?

Umuntu uwo ariwe wese ashobora guhohoterwa hatitawe ku myaka ye, akazi akora, idini rye cyangwa ibindi bintu binyuranye bigaragaza itandukaniro hagati y' abantu. Ubushakashatsi  bugaragaza ko abagore n' abana aribo bahohoterwa kurusha abandi.

### Mugihe habayeho ihohoterwa rishingiye ku gitsina ihutire

- Kugana **byihutirwa** ikigo nderabuzima kikwegereye kugira ngo uwahohotewe ahabwe ubufasha bw' ibanze
- Kugana **Isange One Stop Centre** kugira ngo uwahohotewe ahabwe ubufasha burimo ubujyanama, ubuvuzi n' ubufasha mu by'amategeko.Ubwo bufasha bwose uwahohotewe abuhabwa nta kiguzi
    - ***Ni byiza ko uwahohotewe agezwa kuri Isange bitarenze amasaha 48 kugira ngo arindwe kwandura virusi itera SIDA cyangwa gusama inda atifuza.***
- Kugana ishami rya Polisi rikwegereye
- Kugana inzego z' ubugenzacyaha (RIB)
- Kugana inzego z' ibanze zikwegereye
- Kugana uhagarariye MAJ ku karere
- Guhamagara imirongo ya telephone itishyurwa : **3029** cyangwa **3512**